UBWAMI BWAVANYWEHO BWAMBAYE IMISHANANA, BUGARUKA BWAMBAYE URUHU RWA BIHEHE.

U Rwanda rwaravumwe, kuva Mibambwe IV Rutarindwa mwene Rwabugiri wa Rwogera rwa Gahindiro, yishwe n'abahungu ba Rwakagara, uwari kw'isonga akaba Kabare, afatanije na bene se, ari bo Ruhinankiko na Cyigeza (sekuruza wa Kagame).

Aba bakoze iri bara, ni basaza ba KAJONGERA muka Rwabugiri, nyina wa MUSINGA wari wagizwe umugabekazi kuberako nyina wa Rutarindwa wari umukonokazi yari yaritabye Imana. Icyo bashakaga kwari ukwimika Musinga, mwishywa wabo.

Bafatanije na mushiki wabo Kanjogera baremye imitwe y'ingabo, nuko bagaba igitero simiusiga ku ngoro ya Rutalindwa yari yubatse ku Rucunshu (hafi y'iGitarama, ubu hiswe ngo Muhanga).
Rutarindwa yabonye ko agiye kwicwa urwagashinyaguro, nuko aba intwari ahitamo kwitwikira mu ngoro ye n'abana be na bandi benewabo bari aho. Ubwo abanyiginya n'andi moko yarashyigikiye Rutarindwa, barishwe. Abarusimbutse barahunze, bari mo sekuruza wa Dr Himbara, wari mu bwoko bw'abashambo.

RUTARINDWA YAPFUYE AVUMYE u RWANDA, n'ABAKAGARA

Kuva Rutarindwa yagwa muri iyo genocide yambere yakozwe n'akazu k'abakagara, abami bakurikiyeho bose nta numwe waguye iRwanda.

1. **Musinga** washyizweho bya kijuru yimitswe na banyirarume yaguye ishyanga iMoba muri Kongo, aho yari yaciriwe n'Ababrigi.

2. **Rudahigwa** wasaga n'uwagambaniye se Musinga akimikwa n'Ababirigi na Musenyeri Léon Classe, hashiz imyaka mike aregura, uRwanda aruha Yezu Kristu muri 1946. Nyuma muri 1959 yaguye ishyanga iBurundi, nubwo yashyinguwe mu Rwanda.

3. Murumuna we **Ndahindurwa** wimye amusimbuye, kuri 28 Nyakanga 1959, yaje kujya isafari muri Congo, kuri 28 Kamena 1960, Ababirigi banga ko agaruka mu gihugu cye, yari yarateje mo imvururu muri 1959. Yavanyweho n'inteko ya rubanda yakoraniye iGitarama kuri 28, 1961, ntibyemerwa na LONI. Yaje kuvanwa kubwami burundu na referendumu yo kuri 25 Nzeli yemejwe na LONI. Bityo aguma mu mahanga nk'indushyi. Yaguye muri Amerika, nubwo yashyinguwe mu Rwanda.

UMUVUMO WA RUTARINDWA WAGEZE NO MURI REPUBULIKA

1. Perezida **Kayibanda** wabaye Perezida wa mbere wa Republika y'u Rwanda yemewe n'amahanga, watowe na rubanda akemezwa n'Itegekonshinga rya Republika ya mbere, nyuma ya referendum yo kuri 25 Nzeli 1961, yapfuye yishwe urukozasoni n'ubutegetsi bwa Habyarimana, wari inshuti ye magara.

2. Habyarimana wari wamwambuye ubuyobozi bw'u Rwanda, nyamara ari nawe yari yaragize amatwi ye, inkingi n'imiganda ndetse n'imyugagariro y'igihugu, nyuma yo kumwica nabi kimwe n'abandi benshi baguye m'uburoko, nawe yapfuye yishwe, yishwe na Paul Kagame urupfu rutagira izina. Ubu Paul Kagame yigize Perezida w'uRwanda avuga ko kuzayobora mpaka yitabye Imana.

Uyu Perezida Kagame, ashyigikiwe na Perezida Museveni n'ingabo za Uganda, ndetse n'abazungu bashaka kongera gukoloniza Kongo bafatanije nawe yakoze andi mahano aho yiciye Perezida **Habyarimana** na Perezida w'u Burundi, **Ntaryamira Sipiriyani**. Yicishije kandi yica abantu benshi mu Rwanda no muri Kongo, batari hasi ya miliyoni esheshatu (6.000.000). Abanyamahanga b'abazungu bamushyigikiye muri ayo mahano, bamwogeza ubutitsa bamubeshya ko ari intwari y'ikirenga, kubera ko yahagaritse jenoside y'abatutsi we yateguye akanayikomera imbarutso yica Habyaimana na Ntaryamira. Nonese jenoside y'Abanyarwanda n'Abanyekongo igiye izaguranwa jenoside y'abatutsi? Maze u Rwanda rufatwe na Kongo ifatwe n'umwuzukuruza wa Rwakagara!! Kugira ngo yereke abahutu ko yabagize "hobyo kabisa" yarabishe arangije asenya ibiranga izina rya Perezida Kayibanda aho ryaba riri hose, haba mu bitabo, cyanga ahashyizwe urwibutso rwe. Urugero ni amazina ye yagaragaza ko ikibuga cy'indege cy'i Kanombe cyamwitiriwe, "Aereport International Gregoire Kayibanda". Ikindi ntabwo twakwirengagiza ko **Domiko Mbonyumutwa** yakoze amateka y'u Rwanda, ubwo yemeraga kuba Perezida w'u Rwanda, ubwo inteko ya Rubanda yarimaze kuvanaho ubwami bw'Abatutsi tariki ya 28 Mutarama 1961, bikorewe i Gitarama. Icyubahiro yabiherewe na rubanda na Perezida Habyarimana, kwari ukumushyingura mu cyubahiro, aho i Gitarama aho yarahiriye ko abaye Perezida wa mbere wa Republika. Umwakagara Kagame mu gasuzuguro ke, no kwanga urunuka abahutu ngo bamugize impunzi, yategetse ko imva ya Perezida Mbonyuutwa bayisenya, ubugufa bwe bakabujugunya mu mwobo ucukuwe mu murima, we yita irimbi hafi y'i Gitarama.

Reka rero hazandikwe amateka avuga ko: kuva muri 1896 kugeza ubu Abakagara nibo ba Nyirabayazana mu Karere k'Ibiyaga bigari. Reka twongereho tumenyeshe Abanyakinyaga ko Nyirandakunze, Umwamikazi w'Ubukunzi (Karengera, Bugarama, Nyakabuye) akaba umugore w'Umwami **Ndagano**, ubwo yaruhagarariye umuhungu we Ngoga, ubwo se yaramaze gutanga, nawe yishwe n'Umwakagara, **Rwagataraka**, watwaraga i Kinyaga. Yamwicishije agambanye n'abazungu b'Ababirigi.

AGAHINDA NTIKICA, BANYARWANDA.

Twarwanije Habyarimana wakundaga Abatutsi nka ba Kajeguhakwa, ba Katabarwa, ba Ndibwami, ba Nyungura, ba Rwigara, ba Sebera, n'abandi benshi. Habyarimana wakunze ba Kaguta Museveni akababaha intwaro, izindi zinyura mu Rwanda zo gufata Mabarara, Gasese, Kabale na Ntungamo, nuko tumwita umunyagitugu. Imihigo yacu yabaye iyo kumuhirika dukoresheje demokarasi. INKOTANYI zibyumvise zibyitambikamo, zifata intwaro zica abantu za Byumba, Ruhengeri na Bigogwe, zica **Gapyisi** na **Gatabazi** bari abanyepolitike bemewe. Bukeye Inkotanyi na Habyarimana ziramwica zimurasiye mu kirere. Natwe mu basigaye abarwanyaga Habyariana zatwishemo karahava, zisa n'aho zirushanwa n'Interahamwe. Nuko rero abaca-migani ku manywa, abateruzi b'ibindi n'abikorezi b'inkangara, hamwe n'abahetsi, nka ba **Rucagu** bati: Ubumwe n'ubwiyunge Oyé! Oyé! Oyé! Kagame ramba! Ramba, ramba, ramba! Turagushyigikiye, twese muri MUVOMA! Nako muri GIHAKE na KIJA! Murasetsa gusa!

Baca umugani ngo wirukana umugore utapfuna igufa, wagira ibyago ukazana urimira bunguri. Nta Ntore za Rucagu, nta Nterahamwe zahoze ari iza Rucagu. Nta Kongere ya MRND nta Kongere ya FPR. Byose ni iri niri. Byose ni igitugu. Ugereranije igitugu cya Habyarimana n'icya Kagame; icya Habyarimana cyari "akazuyazi". Icya Kagame ni "amarike" yo gutwika no gushishura umubiri.

IBITAMBO TWATANZE TWABITANGIYE UBUSA.

Faustin TWAGIRAMUNGU

Perezida wa RDI-Rwanda Rwiza